

TUMENYE BIBILIA

TUMENYE BIBILIA

IKIGANIRO NO 0040

Uraho neza nshuti muvandimwe uteze amatwi ikiganiro TUMENYE BIBILIYA. Amahoro y’Imana nabane nawe. kaze muri iki kiganiro ugezwaho nanjye Parfait NTAMVUTSA.

Duherukana ndiho nkubwira urugendo rwa Yakobo yakoze, ava kwa sebwake akaba na nyirarume Labani. Aba bagabo uko ari babiri, nta numwe wizeraga undi. Bombi, bari babeshejweho no kuriganya. Yakobo yariganyije Esawu mukuru we, amwiba umugisha kuri se Isaka. Labani nawe, twabonye ko yarushaga uburiganya Yakobo cyane. Igihe kimwe, Yakobo yamubwiye ko yabengutse umukobwa we Rasheli. Nuko, amusaba ko yamumuha akamurongora. Labani amwemerera ko azamushyiringira Rasheli. Nyamara harageze, Labani aramushuka, amushyiringira umukobwa we mukuru Leya. Bukeye, Yakobo asanga atari Rasheli bamuhaye, ahubwo ari Leya. Nshuti yanjye, aba bagabo bombi baranzwe no kubeshya cyane; ariko ntawareka kuvuga ko Imana itababara nk’abagabo bagize kwizera. Kubera ingaruka z’uburiganya bwa Yakobo, twabonye ko yaje kunyura mu buzima bukomeye cyane. Yakobo yatandukanye na Labani, ndetse bagirana isezerano ry’uko, ntawugomba kuzarenga urubibi rw’igihugu cya mugenzi we. Igihe Yakobo yavaga I Harani kwa Labani; yahuye n’ibibazo byinshi mu nzira. Iri, ni ryo joro yaraye akirana na marayika uvuye mu ijuru. Umuseke umaze gutambika, marayika yaramubwiye ngo amurekure; Yakobo aramusubiza ati; sinkurekura utampaye umugisha. Nuko Marayika aramubwira ati; ntucyitwa Yakobo ukundi, ahubwo guhera none uzitwa Isiraheli. Imana yamwise iri zina, kuko muri we hagombaga kuzaturuka ubwoko bukomeye. Ikindi twabonye kandi, ni uko ari muri iri joro, Yakobo yateguye guhura na mukuru we Esawu.

Mu kiganiro cy’uyu muni, ndagaruka ku bibazo Yakobo yahuye nabyo mu buzima bwe. Ndazakukubira uburyo yahuye na mukuru we Esawu; wa wundi yariganyije, akamwiba umugisha. Maza nsoreze ku rugendo rwa Yakobo ajya I Shekemu. Nubwo nabivuze haruguru, Yakobo yamaze imyaka myinshi yiyobora. Mu yandi magambo, yakoraga ubushake bwe aho gukora ubushake bw’Imana. Nyamara navuga ko iherezo ry’ubuzima bwe, ryabaye ryiza cyane. Kuko ageze mu zabukuru, yashyize ubuzima bwe mu Mana, arinda asanga sekuru Aburahamu na

se Isaka agifite kwizera. Yakobo, ni umwe mu bagabo Imana yiyeretse cyane; kandi Imana yagiye ikorana na we amasezerano menshi.

Reka ngusabe ngo ntujye kure y'inyakiramajwi yawe; mu kanya gato ndagaruka, maze turebere hamwe iby'uyu mugabo Yakobo. Ngaho komeza ufashwe mu izina rya Yesu

Mu gice cya 32, batubwira ukuntu Yakobo yakiranye na marayika mu ijoro. Nyamara Yakobo ntiyashakaga intambara. Nyirarume Labani, yari inyuma ya Yakobo. Esawu nawe yari imbere ye. Mu by'ukuri, aba bombi nta n'umwe wigeze abana neza na Yakobo. Wibuke ko Labani yari yamurakariye, kuko atifuzaga ko Yakobo ava mu rugo rwe. Labani yashakaga ko Yakobo aguma mu rugo rwe kugira ngo amukorere. Yakobo nawe ntiyabishakaga, yumvaga yifuza gusubira mu gihugu cy'iwabo. Esawu na we, yarafitanye isinde na Yakobo, kuko yari yaramwibye umugisha. Uyu mugabo Yakobo, ntiyari afite uwo kumurengera. Yari hagati y'abo nakwita abanzi be. Ariko, twabonye ko yakoze ibishoboka byose, kugira ngo atsinde iyi ntambara. Uko yabigenje nta kundi; yafashe abagore be, n'abana be; abambutsa Yorodani, maze asigara mu butayu wenyine, yiteguye guhura na mukuru we Esawu. Muri iryo joro aryamye, Yakobo yahanganye na marayika, kugeza ubwo marayika akoze mu rukiryi rw'itako rya Yakobo. Yakobo amaze kumenya ko yakiranaga na marayika; aramufata aramukomeza cyane. Yakobo abwira marayika w'Imana ati; ntabwo nkurekura utampaye umugisha. Ibi, bisobanura ko umugisha w'Imana uharanirwa. Nshuti yanjye, kugira ngo Imana ikugirire neza, hari icyo bikugomba. Ntutekereze ko Imana izaguha umugisha, utakoze. Yakobo mwene se wa Yesu, yaravuze ngo, kwizera kutagira imirimo kuba gupfuye. Niwiyicararira murugo gusa, udakora, ntabwo uzatera imbere. Nutaya mu materaniro hamwe n'abandi, ntabwo uzasobanukirwa Ijambo ry'Imana. Ntabwo Imana ishobora guha umugisha abantu b'abanebwe. Ntugomba kurambirwa, ugomba gushaka umugisha w'Imana n'umwete wawe wose, n'imbaraga zawe zose. Muri iki gihe, abantu benshi bararambiwe, kandi bacitse intege. Nyamara burya; kwihanga bitera kunesha. Abandi nabo baravuze bati; iby'Imana, biribwa n'abategerezanya kwihangana. Umugisha ntabwo ari ikintu utoragura mu nzira gusa. Bisaba kuwukorera. Nk'uko twabibonye, ko yakobo yakiranye na Marayika w'Uwiteka, kugeza ubwo aruhutse ahawe umugisha. Kuva ubu, tuzatangira kubona impinduka mu buzima bwa Yakobo. Nk'uko twakurikiranye ubuzima bwe mu gice cya 32 kibanziriza iki; dushobora kuba abagabo bo guhamya ko yahuye n'umuntu udasanzwe mu

buzima bwe. Kandi rwose, ni ukuri kugaragarira buri wese. Yakobo yahuye na Kristo muri iryo joro.

YAKOBO AHURA NA ESAWU

Yakobo yubura amaso, arebye abona Esawu azanye n’abantu magana ane. Agabanya abana, aha Leya abe, na Rasheli abe, n’inshoreke zombi abazo.(Itangiriro33:1)

Aha, tubona Yakobo ashaka gutandukanya umuryango. Bamwe ukwabo, abandi ukwabo.

Ashyira imbere inshoreke n’abana bazo, akurikizaho Leya n’abana be, basezererwa na Rasheli na Yozefu.

Maze ubwe abarangaza imbere, yikubita hasi karindwi, arinda agera aho yegereye mwene se. (Itangiriro33:2-3)

Mwene Data, mu by’ukuri, nakunze uburyo Yakobo yahuye na Esawu. Ndatekerezaga uburyo akiri kure, yatangiye kunama aca bugufi. Yakobo, ntabwo yari azi ibigiye gukurikiraho, kubera ko Esawu yari kumwe n’abantu magana ane, Ntabwo yari azi niba; mwene se Esawu, aje nk’inshuti, cyagwa nk’umwanzi. Maze

Esawu ari irukanka ajya kumusanganira, aramuhobera cyane begamiranya amajosi, aramusoma, bombi bararira . (Itangiriro 33:4)

Mu byukuri, bombi ni impanga. Ni abavandimwe. Bisa nkaho Imana yafashe umutima wa Esawu, maze ikamubuza kwihorera mwene se Yakobo. Esawu yubuye amaso, abona ba bagore n’abana, aramubaza ati ; ”abo muri kumwe abo, ni bande, barava he, bakajya he ? ”aramusubiza ati ; ”aba, ni abana Imana yahereye umugaragu wawe ubuntu bwayo.” Maze za nshoreke zigira hafi gato, zo n’abana bazo, bikubita hasi. Na Leya nawe, n’abana be, bigira hafi, bikuta hasi, hakurikiraho na Yakobo na Rasheli, bigira hafi, bikubita hasi. Yakobo yerekana umuvandimwe we umuryango we. Aramubaza ati” umukumbi wahuye wose, ni uw’iki?”

Aramusubiza ati ; « ni ukugira ngo, nkugirireho umugisha databuja.” Ikigaragara cyo, nuko Yakobo yatekerezaga yuko, Esawu mwene se atari bupfe kumubabarira. Bituma abanza kumwoherereza amashyamba menshi. Nyamara, ntabwo ibyo byose byari ngombwa kuri Esawu. Kuko Imana yari yamubujije kwihorera mwene se Yakobo. Umva rero ibyo Esawu yamubwiye.

Esawu aramusubiza ati ; ibyo mfite birahagije. Mwana wa data ibyo ufite ubyiharire” (Itangiriro33:9)

Mbega impinduka yari yarabaye kuri Esawu! Turabona hano, Esawu agerageza gusobanurira Yakobo, ko bitari ngombwa kwirushya amwoherereza amashyo. Kubera ko, ibyo yari afite byari bihagije.

Yakobo aramubwira ati ; oya ndakwinginze, niba nkugiriyeho umugisha emera impano nguhaye, kuko mbonye mu maso hawe, nk’uko umuntu abona mu maso h’Imana ukanezererwa.

Ndakwinginze, emera impano yanjye bakuzaniye, kuko Imana yampereye ubuntu, kandi mfite ibinkwiriye byose.”Aramugomera, arayemera (Itangiriro 33: 10-11).

Binyibukije Zakayo mu Isezerano rishya ; ubwo Yesu yamuhamagaraga, amusaba kururuka igiti bakajyana kurara iwe. Uyu Zakayo rero, yabwiye Yesu ko ari umukoresha w’ikoro, kandi ko yambuye abantu ibintu byinshi bitabarika.Zakayo yatekerezaga ko Yesu adashobora kurara iwe. Niyo mpamvu, yiyemeje gusubiza abantu ibyo yabambuye kugira ngo, Yesu amubabarire. Urumva ko yiyemeje gukora ikintu gikomeye.

Ibaze kuri uku guhinduka kwa Yakobo rero. Mu by’ukuri, hari icyahindutse mu buzima bwa Yakobo. Esawu yaje kwakira impano ya Yakobo, kuko muri icyo gihe; iyo umuntu yangaga impano ahawe, byagaragaraga nk’igitutsi gikomeye.

Aramubwira ati; dukomeze urugendo tugende, nanjye ndakujya imbere.”(Itangiriro33:12)

Hano, hari ikintu Esawu ari gusaba Yakobo. ni nkaho yari amubwiye ati; kuko ugarutse inaha, reka tugendane, njye imbere yawe, nkwereke inzira mu buryo bwo kukurinda.

Aramubwira ati “databuja, uzi yuko abana badafite imbaraga kandi ko imikumbi n’amashyo mfite byonsa, babigendesha uruhato, naho waba umunsi umwe gusa, byapfa byose. (Itangiriro33:13)

Ndakwinginze databuja , ujye imbere y’umugaragu wawe, nanjye ndagenda buhoro, nkuko kugenda kw’amatungo nshoreye kuri, kandi nk’uko kugenda kw’abana kuri ngusange databuja, I Seyiri.”

Esawu aramusubiza ati; reka ngusigire bamwe mubo turi kumwe. Yakobo aramubaza ati “ni ab’iki ? nkugireho umugisha databuja .

Nuko Esawu uwo munsu asubiraye, agumye kugenda, ajya i Seyiri.(itangiriro33:15-16).

Muri icyo gihe, nyuma y’urupfu rwa se; Esawu atura mu majyepfo ya Kanani, i Seyiri muri Edomu. Nkuko tubisoma muri Bibiliya ngo **"ntimubarwanye kuko ntazabaha ku gihugu cyabo naho yaba intambwe imwe y’ikirenge, kuko nahaye Esawu umusozi wa Seyiri ho gakondo". (Gutegeka kwa kabili 2:5)**

URUGENDO RWA YAKOBO I SHEKEMU

Yakobo ajya i Sukoti yubakaye inzu, aciraye amatungo ye ibiraro. Nicyo cyatumye aho hantu hitwa i Sukoti. (Itangiriro33:17)

Hari impinduka zigaragara kuri Yakobo; ushingiyeye ku buryo Yakobo yahaye impano umuvandimwe we. Imana yari yarateguye umutima wa Labani kugira ngo atababaza Yakobo. Yongera gutegeka umutima wa Esawu, kugira ngo yakire Yakobo. Hano turabona rero, Yakobo afite amahoro ku mpande zombi. Esawu ntiyashakaga impano ya Yakobo, kuko mu byukuri, ibyo yari afite byari bimuhagije, nkuko twabibonye. Yakobo yagerageje kwikingaga Esawu, hanyuma Esawu yemera kwakira impano ye. Nyuma habonetse kwiyunga hagati yabo bavandimwe bombi. Kuva ubwo ubuzima bwa Yakobo butangira kuvirwa n’umucyo. Nuko Labani nawe, ntiyongera gutekerereza inabi Yakobo. Esawu nawe yiyunga na mwene se. Imana itunganyiriza ibyo byose Yakobo. Hanyuma Yakobo asubiza amaso inyuma, yibuka amateka y’ubuzima bwe ati; iyo ntaza guhura na Labani, na Esawu sinari kubona ukuboko kw’Imana mu buzima bwanjye. Yumvaga ko yakoreshejwe ibyo ubutwari, aha Imana icyubahiro. Esawu akomereza i Seyili. **Yakobo asohora amahoro mu mudugudu w’ i Shekemu, wo mu gihugu cy’i Kanani ubwo yavaga i Padanarumu, abamba amahema imbere y’umudugudu. Isambu yabambyeho ihema rye ayigura na bene Hamori, ise wa Shekemu, ibice by’ifeza ijana. (Itangiriro 33:18-19).**

Rimwe na rimwe, Yakobo yaragaye cyane, kuko yahagaze i Sukoti, na Shekemu ntiyakomeza urugendo rwe rwo kujya i Beteli. Nyamara, ntabwo dukwiye kwibaza ku gihe cye. Yari yaramugaye, ariko uru rugendo ruvugwa hano ni mu buryo bw’Umwuka. Abantu benshi

bahagaze I Sikoti ntibakomeza, kandi mu by'ukuri; mu mitima yabo, barabizi ko bahagaze. Abakristo benshi, batangiye urugendo rugana mu ijuru; ariko kurusoza, biriho birabananira. Impamvu zituma benshi bahagarara I Sukoti ntayindi, ni; ugukunda iby'isi cyane. Mwene data, aka ni akanya keza ko kwisuzuma. Niba warahagaze I Sukoti, saba Imana, iguhe imbaraga zo gukomeza urugendo. Bibiliya itubwira ko, Yakobo yakomeje urugendo maze yubaka igicaniro, acyita "Eli eloyi Isirayeli."

Yakobo yubakayo igicaniro, nk'uko sekuru Abrahamu yari amenyereye kubaka ibicaniro aho yajyaga hose. icyiza nuko Yakobo, agaragaza izina rye rishya yahawe n'Imana. Yise icyo igicaniro Eli-elohu Isirayeli. Bisobanurwa ngo; Imana, nya Mana ya Isirayeli. Ibi byerekana ko, Yakobo yari atangiye urugendo rushya rwo mu buryo bw'umwuka. Uyu mugabo ari mu rugendo yerekeza I Beteli; ariko ntiyageze. Ubwa mbere yerekeje i Sukoti. Imana ikomeze idufashe kugira ngo urugendo twatangiye tuzarurangize amahoro. Ntiyagire ibiturangaza mu rugendo, byatuma mu by'ukuri tugaragara nk'abatari kugenda mu maso y'Imana.

Shekemu akinda Dina; Simiyoni na Lawi; Simiyoni yica bene Hamori

Mu by'ukuri, Yakobo yakoze ikosa ryo guhagarara I Shekemu, kuko byaje guteza ikibazo mu muryango we. Dina, umukobwa wa Yakobo yabyaranye na Leya, akindwa na Shekemu, umuhungu wa Hamori umuhivi. Hanyuma Simiyoni na Lewi, basaza ba Dina bakora ikintu cyo kwihora bica abaturage bose bo mudugudu w'I Hamori. Ibi bakoze, byari icyaha gikomeye, ndetse cyashoboraga guteza ibibazo mu muryango wa Yakobo. Ibi kandi, bitwereka ko Yakobo atahunze vuba; ubwo yasigaga nyirarume mu gihugu cy'I Harani. Tugomba kumenya ko Imana yarifite impamvu yo kumuvana I Harani.

Hari ibintu bibiri nyamukuru Imana yakomeje kugarukaho mu gitabo cy'Itangiriro. icya mbere, ni ikibabazo cy'umuco. Imana yashakaga ko Uwizera arongora undi wizeye; kandi ko uwizera adakwiriye kurongora utizera. Iryo hame, ryari iry'ingenzi, kuko Imana yashakaga ubwoko bufite umuco umwe. icya kabiri, kijyanye n'ibikikije umuntu. Ibyo tubibona cyane cyane, mu buzima bwa Yakobo. Yari afite umuryango munini. Ntabwo ari abahungu cumi n'ababiri gusa, ahubwo hariho n'abakobwa. Hano batubwira inkuru y'umukobwa umwe witwa Dina; ariko nawe bamuvugaga kubera impamvu ibabaje dusanga muri iki gice.

Hari ikintu kimwe nanone tugomba kumenya cy'ingenzi. Tugomba gusobanukirwa ko mu Itangiriro ry'ubuzima bw'abantu ba mbere, hagiye habaho ibibazo mu miryango yabo. Ese waba warabibonye? Habayeho intambara, n'imyiryanu mu murungu wa Aburahamu. Habayeho intambara, no kutumvikana mu murungu wa Isaka. Esawu yakundwaga na se Isaka, na Yakobo agakundwa na nyina Rebeka. Ibyo kandi, byateye kutumvikana gukomeye muri uyu murungu. Niyo mpamvu tubona ko no mu murungu wa Yakobo habayeho ibibazo.

Yakobo ahagarara, kandi atura muri I Shekemu mu gihe gito. Gutura aha hantu byazaniye umubabaro mwinshi Yakobo. Mu by'ukuri igice cya 34 kirababaje. Kandi ibibazo byabaye ku musaza Yakobo, byatumye acika intege. Yakobo (cyangwa uwo twakwita Isiraheli), yubaka igicaniro, hanyuma atanga ubuhamya ku Mana iriho, kandi nya Mana. Hari impinduka mu buzima bwe, ariko byatwaye igihe, kugira ngo izo mpinduka zigaragare. Ibi byari bikwiye kuba isomo kuri twe b'iki gihe. Ntugatekereze ngo; ubwo uri umukiristu uzabyuka ijoro rimwe usange wakuze mu buryo bw'umwuka. Imana ituzamura, iraturera tugakura nk'abana bato bo mu murungu; kugeza ubwo tuzamenya amabanga y'ukuri kwayo. kubera ko, mwigisha wacu ari Umwuka Wera. Ariko kujya imbere kwacu, no gukura biba gahoro gahoro. Dushobora kwiga ukuri muri Bibiliya, ariko tuzasanga ko mu bubuzima bwacu tumeze nka Simoni Petero. Yagendaga acumbagira ndetse rimwe na rimwe akagwa. Imana ishimwe kubera ko Simoni Petero yakomeje kubyuka, akongera agatera intambwe. Hageze igihe agendana n'Umwami. Petero yishwe yaje ndetse no kwicwa urupfu nk'urwa Yesu, kuko na we bamumanitse ku giti. Njewe nawe tugomba kumenya ko ubuzima bwacu bwo mu mwuka, bukura buhoro buhoro. No gukura kwabandi rero kuzaba buhoro buhoro. Rimwe na rimwe, ababyeyi b'abana bakijijwe usanga biteze byinshi kuri bo. Ntitugomba kwitega byinshi ku bandi, ahubwo tugomba kwirebaho twebwe ubwacu twenyine.

Hari ibice bitatu muri iki gitabo cy'Itangiriro bitari byiza namba, kandi byose bivuga ku bana b'umugore wa mbere wa Yakobo witwa Leya; umukobwa mukuru wa Labani. Ndizera ko inkuru ya Yakobo, iduhamiriza ko kurongora abagore benshi atari byiza. Nubwo byasaga naho Yakobo yabihawe kumbaraga, ntabwo byatumye akiranyuka ku Mana. Kandi byakomeje kuzana ingaruka ku murungu wa Yakobo. Muri iki gice cya 33, tubona ko abana ba Leya bese bahuye n'ingaruka z'icyo cyaha cyo kurongora abagore babiri. Leya yari afite abahungu bane. Muri iki gice cya 33, batubwira Simiyoni na Lewi. Mu gice cya 35 bakatubwira undi wo mu bahungu ba Leya witwa Rubeni imfura ya Yakobo. Mu gice cya 38 naho, batubwira amahano y'uwitwa

Yuda. Buri wese mu bahungu ba Leya, yagiye akora amakosa kubera, ingaruka z'icyaha cya Yakobo cyo kurongora abagore babiri.

Twamaze kubona ko muri uyu muryango habaye intambara no kutumvikana. Ibibazo byabaye mu muryango wa Yakobo, ntabwo tubibona mu muryango wa Aburahamu cyangwa Isaka. Ni byo, nabo hari ibibazo banyuzemo bitari byoroshye ariko ntibingana n'ibyo umuryango wa Yakobo wanyuzemo.

Gusoza

Nshuti yanjye unteze amatwi, mu buzima tunyuramo, hari igihe usanga ari twebwe ubwacu twikururiye ibibazo. Umwana ukiri ingimbi, atangira kugira urugomo kuko yishoye mu bigare by'abana bafite imico mibi. Abagabo benshi, usanga bibananira kuyobora ingo zabo, kuko bacudika n'abagabo babi, bafite ibitekerezo byo kugorobereza mu kabari gusa, bavuga amagambo mabi atagira icyo yabagezaho. Umugore utubaha umugabo we, akenshi ni uko aba afite izindi nshuti mbi, zimushuka. Ntabwo Imana ari yo idutera ibibazo, ahubwo ni twebwe ubwacu tubyizanira. Nshuti yanjye, Imana yakuremye mu buryo budasanzwe. Hari ubushobozi yagushyizemo, ubwo nta bundi; ni ubushobozi bwo guhitamo. Ufite uburenganzira bwo guhitamo icyiza, cyangwa ikibi. Wa musore cyangwa wa mukobwa we unteze amatwi, ufite uburenganzira bwo guhitamo inshuti nziza cyangwa mbi, na we wa mugore we; ufite uburenganzira bwo guhitamo kumvira umugabo wawe cyangwa kumusuzugura. Mugabo unteze amatwi ufite uburenganzira bwo kuyobora neza umuryango wawe cyangwa kuwuyobora nabi. Ni byo rwose ko Imana yifuza ko, uyizera kandi ukayikiranukira; ariko uruhare ni urwawe guhitamo. Imana yaguhaye ubwo burenganzira. Hitamo rero icyiza, uheshe Imana icyubahiro, cyangwa uhitamo ikibi, ujye kure y'Imana. Guhita neza ni ukwakira Umwami Yesu Kristo, kuko ni we uhamba neza !

Isengesho: *Mwami Yesu ndasengera buri wese wanteze amatwi kugira ngo ahitemo neza. Yakobo yahisemo nabi. Yishingikiriza ubwenge bwe, bituma aba kure y'ubushake bwawe; agucumuraho cyane ubwo yemeraga gutunga abagore babiri. Utwigishe guhora dukora ibyatuma izina ryawe rihabwa icyubahiro. Mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo. Amen*

Nshuti yanjye ntuzacikwe n'ikiganiro cy'ubutaha nzakomeza kukubwira ibya Yakobo n'umuryango we.

Amahoro n'umugisha biva ku Mana Data n'Umwana wayo Yesu Kristo n'Umwuka Wera bibane nawe!